# IBARUWA YO KWEMERA GUTANGA INGUZANYO IDATANGIRWA INGWATE IHABWA UMUNTU KU GITI CYE

Itariki........................................................ Dir Tel No. Ext.0788140........ No BPR/PB/....../...../.......-.......

Izina ry'Umukiriya:.............................................................................................................................................................

No z'Indangamuntu :.........................................................................................................................................

No za Telefone :..................................................................................................................................................

Binyujijwe kuri (Izina ry'umukoresha):........................................................................................................

Bwana Mukiriya,

INGUZANYO YA BANKI ISHYIRWA KURI KONTI NO. ....................................................................................................

Tubahaye inguzanyo iteye mu buryo buvugwa muri iyi baruwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ayivugwamo:

## 1. Ibisobanuro by'amagambo

Muri iyi baruwa, usibye mu gihe aho akoreshwa haba habiteganya ukundi, aya magambo afite ibisobanuro bikurikira:

1.1 "Banki" na/cyangwa "utanga inguzanyor" bisobanura BPR Bank Rwanda Plc, sosiyete ikora imirimo y'amabanki yashingiwe muri Repubulika y'u Rwanda ifite aderese ya Binyujijwe ku Gasanduku k'Iposita 1348,KN67 Kigali, Rwanda ; ikaba yanditse kuri Kode ya Sosiyete No. 100162830 n'abazayisimbura ndetse n'abo izahabwa. Muri iyi baruwa ihagarariwe na ................................................ na ..............................................., abo bakaba ari Umukozi wa Banki ushinzwe abakiriya n'Umuyobozi w'ishami ; bakaba kandi ari intumwa za BPR Bank Rwanda Plc zemewe gukora amasezerano;

1.2. "Umukiriya" bisobanura ........................................................................................................, muri iki gihe akaba ari umukozi wa ..........................................................................................................................................................

## Itangwa ry'Inguzanyo n'Iyemerwa ry'Amategeko n'Amabwiriza agenga iyo nguzanyo

Tubahaye inguzanyo iteye mu buryo buvugwa muri iyi baruwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza akurikira.
Ibisobanuro by'Amagambo Muri aya Mategeko n'amabwiriza, usibye mu gihe aho akoreshwa haba habiteganya ukundi, aya magambo afite ibisobanuro bikurikira:

**"Banki"** bisobanura BPR BANK Rwanda PLC,sosiyete ifite uburyozwe buhinnye yashingiwe muri Repubulika y'u Rwanda; ibiro bya yo byanditse bikaba biherereye ku Muhanda wa KN 4 Ave 18, naho agasanduku k'iposita ka yo kakaba ari 1348,KN 67 Kigali, Rwanda ikaba kandi irimo n'abazayisimbura n'abo izahabwa;

**"Ijanisha ry'inyungu fatizo "** bisobanura ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo fatizo rikoreshwa na Banki itangaza mu bitangazamakuru rimwe na rimwe ( 16% ku mwaka muri iki gihe). Iyo Banki iretse kugira ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo fatizo, Ijanisha ry'Inyungu ku nguzanyo fatizo biba bisobanura ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo ica umukiriya rimwe na rimwe mu bushishozi bwa yo hakurikijwe ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo ntarenga ryemewe n'itegeko; "Umukiriya" bisobanura umuntu ushyira umukono kuri iyi fishi y'ubusabe no kuri aya mategeko n'amabwiriza.

**"Umunsi w'akazi"** bisobanura umunsi banki zikoraho mu Rwanda;
"Itariki ya nyuma yo kwemera inguzanyo" bisobanura iminsi mirongo itatu ibarwa uhereye ku itariki umukiriya yemereyeho aya Mategeko n'Amabwiriza;
"Ibintu bigize umutekano w'inguzanyo" bikubiyemo ingwate izo ari zo zose, amafaranga asabwa, uburenganzira ku mutungo watanzweho ingwate, gutanga umutungo runaka ho ingwate, gufatira ingwate, inyungu ku mutungo watanzweho ingwate, kugumana ibyangombwa by'umutungo, uburenganzira bwo kwishyurwa mbere, kwanga ibyo banki isabwa kwishyura, uburenganzira bwa banki ku mutungo cyangwa ubundi buryo bwo kubungabunga umutekano w'umwenda w'umutu uwo ari we wese;
**"Kutubahiriza amasezerano"** bisobanura kimwe mu bikorwa bisobanurwa muri aya Mategeko n'Amabwiriza;
"Inguzanyo" bisobanura amakuru yerekeye inguzanyo agaragara mu gice cy'ifishi kijyanye n'ubusabe;

**"Ingwate"** bisobanuye ingwate zivugwa muri aya Mategeko n'Amabwiriza na/cyangwa ingwate iyo ariyo yose itangwa n'umukiriya cyangwa n'undi muntu bisabwe n'umukiriya bayiha Banki mu rwego rw'inguzanyo cyangwa indi ingwate Banki ishobora gusaba mu buryo bwumvikana igihe icyo ari cyo cyose.

**" Inyandiko z'ibikorwa by'inguzanyo"** inyandiko zose zandikiranywa hagati ya Banki n'Umukiriya zemeze Banki ubunyangamugayo bw' umukiriya n'inyandiko z'ubwoko ubwo ari bwo bwose n'uko zaba zivugwa cyangwa zisobanurwa kose zanditswe n'intoki cyangwa n'imashini zitangwa n'Umukiriya cyangwa zigatangwa mu izina rye cyangwa zitangwa na Banki hagamijwe gusuzuma, koroshya cyangwa kwishingira Inguzanyo cyangwa zigatangwa muri rusange mu rwego rw'iki gikorwa kandi zikaba zirimo n'Iyi baruwa n'Ingwate;
Imitwe y'aya Mategeko n'Amabwiriza ashyirwa muri izo nyandiko hagamijwe kuyihuza n'izo nyandiko gusa kandi ishobora kwirengangizwa mu gihe cyo kuyisobanura.
Inguzanyo: Inguzanyo y'umuntu ku giti cye ihabwa Umukiriya,
Icyo inguzanyo igamije

Nk'uko bisobanurwa mu gice cya 5 cy'iyi fishi yo gusaba inguzanyo, Banki ifite uburenganzira bwo gusaba ibimenyetso by'uko inguzanyo yakoreshejwe nk'uko biteganywa mu Gice cya 5 cy'iyi fishi yo gusaba inguzanyo. Gukoresha inguzanyo ibyo itagenewe mu buryo bwose ni igikorwa cyo kutubahiriza amasezerano gishobora gutuma Banki isaba umukiriya gusubiza inguzanyo yahawe.

**Umubare w'amafaranga:**
--------------------------
-- FRW(Amafaranga y'u Rwanda
---------------------------
---------------------------
---------------------------
---------------------------
---------------------------
-----------------------------------
-----------).

**Ibiciro bikoreshwa**
Inguzanyo itangirwa inyungu ku giciro fatizo cyashyizweho na banki; ubu kikaba kingana na 16%, hakiyongeraho amafaranga runaka angana na ..... % ajyanye n'ibindi bijyanye n'inguzanyo; izo nyungu zibarwa buri munsi zikishyurwa nyuma ya buri kwezi;
Ariko rero, uko byagenga kose, umukiriya acibwa inyungu z'ibihano zijyanye no kutubahiriza ibyerekeranye na gahunda yo kwishyura bingana na 3% ku mwaka yiyongera ku ijanisha ry'inyungu rikoreshwa ryavuzwe hejuru; ibi bikaba bikoreshwa ku mafaranga y'ibirarane atarishyuriwe ku gihe cyagenwe kandi amafaranga y'ibihano agenda abarwa buri munsi akashyirwa nyuma ya buri kwezi;
**Inyungu** zitangwa ku mafaranga yishyuwe mbere y'igihe zibarwa ku ijanisha rya 8% ry'amafaranga yishyuwe mbere y'igihe iyo inguzanyo itwawe n'indi banki na 0% by'amafaranga yishyuwe mbere y'igihe iyo umukiriya ari we wishyuye iyo nguzanyo yose ;
Hasabwa amafaranga yo kugera ku bwumvikane (negotiation) angana na 2% y'amafaranga y'inguzanyo (cyeretse gusa iyo byumvikanyweho ukundi na banki). Aya mafaranga nonone asabwa iyo habayeho kuzamura ingano y'inguzanyo no kuvugurura imiterere y'inguzanyo. Aya mafaranga asabwa ku mafaranga y'inguzanyo yongerewe ku nguzanyo isanzweho cyangwa ku nguzanyo yose iyo habayeho kuvugurura imiterere y'inguzanyo;
Amafaranga ibihumbi cumi (10.000) yo kwiga dosiye isaba inguzanyo na yo asabwa mbere. Nanone aya mafaranga atangwa iyo habayeho igikorwa cyo gukuraho ibaruwa yemera gutanga inguzanyo, igikorwa cyo kuzamura inguzanyo, cyangwa cyo kuvugurura imiterere y'inguzanyo;

Hishyurwa buri kwezi amafaranga angana na 0,1% ya serivisi yo gucunga inguzanyo iba isigaye ;ariko ayo mafaranga ntashobora kurenga 1.250 Frw;
Hishyurwa ubwishingizi bw'ubuzima ku nguzanyo ukurikije ibyiciro bya zo mu buryo bukurikira:

- Ku nguzanyo zimara hagati ya
Imyaka 0 n'imyaka 5: ....... % kuri konti y'umuntu ku giti cye na ......% kuri konti zihuriweho
- Ku nguzanyo zimara hagati y'imyaka 5 n'imyaka 7:...% kuri konti y'umutu ku giti cye na ....... % kuri konti

**Itangwa ry'Inguzanyo n'Iyemerwa ry'Amategeko n'Amabwiriza agenga iyo nguzanyo**

zihuriweho
Ku nguzanyo zimara hagati y'imyaka 7 n'imyaka 10: :......% kuri konti y'umutu ku giti cye na ....... % kuri konti zihuriweho
- Amafaranga yo gukurikirana inguzanyo: ........ frw.
Wowe cyangwa uwo mufitanya isano ya bugufi agomba kubanza gufata ingamba za ngombwa akamenyesha banki hakiri kare ikintu icyo ari cyo cyose cyagira ingaruka mbi ku nkomoko y'amafaranga winjiza ari nay o ukuraho ubwishyu bw'iyi nguzanyo;

**Itangwa ry'inguzanyo**
BPR Bank Rwanda PLC (yitwa "Banki" muri iyi nyandiko), imaze gukora isuzuma ryimbitse, ishobora kudatanga inguzanyo mu bushishozi bwayo busesuye. Banki ntabwo itegetswe gutanga ibisobanuro ku byerekeranye n'impamvu iba itumye idatanga inguzanyo iba ivugwa mu ibaruwa yemera gutanga inguzanyo.

Inyungu zisabwa
Inyungu zisabwa ku nguzanyo zose zibarwa buri munsi hanyuma zikishyurwa buri kwezi. Mu bushishozi bwa yo Banki ifite uburenganzira bwo guhindura inyungu zisabwa ariko umukiriya akabimenyeshwa mbere y'uko hagira impinduka izo ari zo zose zikorwa.

**Amafaranga ya serivisi asabwa, umufuragiro n'amafaranga y'ibihano**
Banki ifite uburenganzira bwo kwishyuza amafaranga ya serivisi asabwa n'ay'umufuragiro igihe cyose bibaye ngombwa.
Iyo amafaranga agomba kwishyurwa n'umukiriya atishyuriwe ku itariki yagenwe, Banki ifite uburenganzira bwo guca inyungu z'ubukererwe na/cyangwa inyungu zo kutishyura; ijanisha ry'inyungu z'ubukererwe/ cyangwa kutishyura zikaba ari amafaranga ari hejuru y'aba asanzwe asabwa.

**Ibigomba kubanza kuzuzwa**
Uretse gusa mu gihe Banki yabyemeza ukundi, inguzanyo itangwa ari uko habanje kuzuzwa ibi bikurikira:
Banki igomba kuba yakiriye inyandiko zose zivugwa mu Gice kijyanye n'Ingwate kandi ikemeza ko buri nyandiko yujuje ibisabwa haba mu miterere ya yo cyangwa no mu biyikubiyemo nk'uko Banki ibishaka;
Ko ibindi byose bisabwa byujujwe cyangwa byatangiye kuzuzwa mu miterere ya byo no mu misusire ya byo nk'uko Banki ibishaka.

**Ubwishingizi**
Banki ishobora gusaba umukiriya gufata ubwishingizi muri sosiyete z'ubwishingizi zemewe cyangwa zagenwe na Banki.
Banki ishobora kugirana amasezerano yihariye na sosiyete z'ubwishingizi kugirango hirindwe ingorane zishobora kuvuka. Umukiriya yiyemeza kwishyura amafaranga y'ubwishingizi avugwa na Banki rimwe na rimwe.
Umukiriya kandi yumva neza ko iyo atishyuye cyangwa akishyura akererewe, Banki ifite uburenganzira bwo gukura amafaranga kuri konti ye hanyuma ikayishyura sosiyete y'Ubwishingizi.
Umukiriya afite inshingano zo kwishyura Banki amafaranga yose ayigomba kabone n'iyo amasezerano y'ubwishingizi yaba hari igihe atari agifite agaciro mu gihe runaka bitewe no gukererwa kwishyura amafaranga y'ubwishingizi.

**Uburenganzira bwo kwiyishyura no guhuriza konti hamwe**
Banki ishobora igihe icyo ari cyo cyose itabanje kubitangira integuza guhuza konti zose z'umukirya cyangwa zimwe muri zo afite muri Banki ; izo konti zaba ize ku giti cye cyangwa izo ahuriyeho n'abandi abo ari bo bose cyangwa ashobora kwiyishyura amafaranga yose cyangwa igice cy'amafaranga y'umwenda ari kuri izo konti y'u/z'umukiriya harimo n'amafaranga yazibikijeho (yaba agejeje igihe cyo kubikuzwa cyangwa kitaragera) hagamijwe kwishyura amafaranga umukiriya agomba Banki yaba amafaranga y'inguzanyo yahawe cyangwa ay'ingwate, yaba ay'umwenda uriho mu by'ukuri cyangwa ushobora kubaho, yaba ay'umwenda y'ibanze cyangwa ay'ingwate, yaba ari kuri konti ye ku giti cye cyangwa ku yo ahuriyeho n'abandi bantu. Banki ishobora gukora ibikorwa bya ngombwa byo kuvunja amafaranga yo hanze ikoresheje ibiciro by'ivunjisha bya yo bwite biba bigezweho. Ingorane zishobora kuvuka zijyanye n'ivunjisha zifitanye isano n'ingwate, amafaranga cyangwa zishobora kuboneka mu bundi buryo mu rwego rwo kwishyura umwenda uba usigaye zirengerwa n'umukiriya.

**Ibyerekeranye n'Ingwate**
**Ingwate zisabwa ku** nguzanyo y'umuntu ku giti cye ziba zigizwe n'izi nyandiko zikurikira;

i. Inyandiko Nsezeranyabwishyu y'amafaranga yose y'inguzanyo igenewe BPR Bank Rwanda PLC.
ii. Inyandiko umukoresha yiyemezamo kunyuza kuri konti yawe iri muri BPR Bank umushahara wawe n'amafaranga yo kurangizanya ( iyo amasezerano y'akazi asheshwe igihe cy'inguzanyo kitararangira)
iii. Ubwishingizi bw'ubuzima ku nguzanyo hakurikije ibyiciro bya zo muri sosiyete y'ubwishingizi izwi neza

iv. Ingwate y'umuntu ku giti cye y'uwashakanye n'umukiriya (iyo bishoboka).
Umukiriya yiyemeza kwishyura amafaranga yose asabwa, amafaranga yose ya serivisi, inyungu ku nguzanyo, amafaranga ya serivisi asabwa na Leta, imisoro yishyurwa cyangwa ishobora kwishyurwa ku ngwate.
Iyo ubwishingizi ku nguzanyo ubwo aribwo bwose burangiye, umukiriya yohereza Banki ubwishingizi buvuguruye mu minsi 7 ubwishingizi burangiye. Iyo atabikoze, umukiriya ahaye Banki uburenganzira budasubirwaho bwo gukura amafaranga kuri konti ye akishyura ayo mafaranga asabwa, amafaranga yose ya serivisi, inyungu ku nguzanyo, n'ay'imisoro mu izina rye.

**Ibyerekeranye no kutubahiriza inshingano**

Byitwa kutubahiriza inshingano iyo:
Umukiriya atabashije kuzuza inshingano ze zivugwa muri iyi Baruwa cyangwa mu Masezerano arebana n'Ingwate;
Igikorwa cyose cyo kwiyemeza inshingano runaka cyangwa cyo kwizeza gukora ikintu runaka gikorwa n'umukiriya hakurikijwe aya mategeko n'amabwiriza cyangwa aya masezerano y'ingwate cyangwa indi nyandiko yose itangwa cyangwa ikorwa hakurikijwe izo nyandiko bigakorwa mu buryo butari bwo igihe bikorwa.
Iyo umukiriya ananiwe kwishyura imyenda ye cyangwa agiye mu mishyikirano n'uwo ari

## Itangwa ry'Inguzanyo n'Iyemerwa ry'Amategeko n'Amabwiriza agenga iyo nguzanyo

we wese mu bo afitiye imyenda agamije kwirinda cyangwa ateganya ko atazabasha kwishyura cyangwa ahagaritse cyangwa akangishije guhagarika kwishyura muri rusange cyangwa iyo habayeho igikorwa cyo gufatira umutungo cyangwa hagashyirwaho umuntu ushinzwe gucunga umutungo w'umukiriya wose uko wakabaye cyangwa igice kinini cya wo. Iyo binyuranye n'amategeko cyangwa iyo Banki idashobora gukora, gukomeza cyangwa gutera inkunga uwo mwenda cyangwa kimwe muri ibyo nk'uko bivugwa muri iyi Baruwa cyangwa iyo inshingano izo ari zo zose z'Umukiriya zivugwa muri Iyi baruwa cyangwa mu Masezerano y'Ingwate zitaye agaciro, ziretse kuba zemewe n'amategeko kandi zikaba ziteganga umukiriya cyangwa ngo abashe kuzikurikiza hakurikijwe aya mategeko n'amabwiriza:
Iyo habayeho igikorwa cyo kutubahiriza inshingano igihe icyo ari cyo cyose kandi icyo gikorwa kigakomeza, banki, bitabaye ngombwa ko iha umukiriya integuza, ishobora gukora ibi bikurikira:
Gutangaza ko inshingano za Banki zivugwa muri iyi nyandiko zisheshwe;
no gutangaza ko ingingo z'amasezerano zirebana n'ingwate zishobora gushyirwa mu bikorwa kandi amafaranga yose y'umwenda umukiriya agomba kwishyura mu rwego rw'iyi nguzanyo n'urw'amasezerano y'ingwate agomba guhita yishyurwa.

**Ibyerekeranye no gutangaza amakuru**

Banki ishobora gukoresha amakuru ayo ari yo yose ajyanye n'umukiriya mu gusesengura inguzanyo yasabye.
Banki ishobora kandi gutangariza ayo makuru ibigo bishinzwe guhererekanya amakuru ku nguzanyo cyangwa ibigo bicuruza imigabane y'amasosiyete ku isoko ry'imari cyangwa abandi bose batanga inguzanyo hagamijwe gukumira uburiganya.
Ishobora kandi kuyatangariza abanyamategeko ba yo bo hanze, abagenzuzi n'abandi bose bagirana amasezerano yo gukorana na yo cyangwa abandi bantu nk'abahagarariye Banki, izindi sosiyete cyangwa sosiyete iyo ari yo yose ikorana na BPR Bank, undi muntu uwo ari we wese ushobora guharanira inyungu za Banki nk'uko ziteganywa muri iyi Baruwa;
Niba Banki ifite uburenganzira cyangwa inshingano zo gutangaza amakuru cyangwa yemerewe cyangwa ibitegtswe n'itegeko, mu rwego rwo gukoresha ububasha ubwo ari bwo bwose, gusubiza ikibazo runaka, gukoresha uburenganzira, ubushishozi bujyanye n'iyi Baruwa y'Inguzanyo cyangwa indi Nyandiko ijyanye n'Igikorwa runaka nyuma y'igikorwa cyo kutubahiriza amasezerano ishobora no kuyatangariza undi muntu. Umukiriya ahaye banki uburenganzira bwo gukoresha amakuru yose yabona amwerekeyeho kuri izo mpamvu igihe ibona bikwiye.

**Ibyerekeranye n'indishyi Umukiriya yemeye**

kuzishyura Banki amafaranga izatanga n'ayo izakoresha (harimo n'amafaranga azakoreshwa mu rwego rw'ubutabera) afitanye isano iyo ariyo yose na konti z'Umukiriya, mu gushyira mu bikorwa aya mategeko n'amabwiriza, cyangwa mu kugaruza amafaranga agomba kwishyurwa Banki cyangwa azaba yarakoreshejwe na Banki mu bikorwa byerekeranye n'imanza uko byaba bimeze kose.
Muri yi baruwa, Umukiriya ahaye Banki uburenganzira bwo gufatira imitungo ye (iyimukanwa n'itimukanwa) mu rwego rwo kwishyura inguzanyo mu gihe atiyishyuye harimo n'Ububasha bwo gushinganisha iyo mitungo mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka (RLMUA) cyangwa mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA).
Ibyerekeranye no guhindura aderesi
Iyo umukiriya ahinduye aderesi, aba agomba kumenyesha banki ko ayihinduye. Iyo atabikoze, ubutumwa bwose bwoherezwa kurin aderesi ya mbere yahawe banki bufatwa nk'aho yabwakiriye.
Ibyerekeranye n'Amategeko akoreshwa
Iyi Baruwa n'amasezerano akomoka ku kuba Umukiriya yemeye iyi nguzanyo hakurikijwe amategeko n'amabwiriza akubiye muri iyi Baruwa bigengwa kandi bigasobanurwa mu buryo bwose hakurikijwe Amategeko y'u Rwanda.

**Ibyerekeranye n'Ingingo Rusange**

Umukiriya ntabwo ashobora guhererekanya uburenganzira bwe bwose cyangwa igice cya bwo, inshingano ze cyangwa inyungu zikubiye muri aya masezerano atabanje kubyemererwa mu nyandiko na Banki.
Iyo Banki imenyesheje umukiriya ko agomba kwishyura cyangwa iyo ibimusabye, bifatwa nk'aho byakozwe mu buryo bukwiye iyo iryo menyesha cyangwa ubwo busabe butanzwe mu ntoki cyangwa iyo bwoherejwe bunyuze mu iposita kuri aderesi ivugwa muri iyi baruwa cyangwa ku yindi aderesi umukiriya ashobora kumenyesha Banki mu nyandiko. Imenyesha cyangwa ubusabe, iyo butanzwe mu ntoki, bufatwa nk'aho bwakiriwe bugitangwa. Iyo bwoherejwe bunyujijwe mu iposita yanditse muri iyi baruwa, bufatwa nk'aho bwakiriwe n'umukiriya mu minsi itanu (5) nyuma yo kubwohereza mu iposita. Naho iyo bwoherejwe hakoreshejwe fagisi, bufatwa nk'aho bwakiriwe ku isaha bwohererejweho.
Iyo banki itabashije gukoresha uburenganzira bwa yo, ububasha bwa yo cyangwa uburenganzira bwo gufatwa mu buryo bwihariye igenerwa n'Itegeko, ntibigomba gufatwa nk'aho yaretse ubwo burenganzira bwa yo, ububasha bwa yo cyangwa ubwo burenganzira bwa yo bwo gufatwa mu buryo bwihariye.

**Amasezerano yose uko yakabaye**

Aya mategeko n'amabwiriza ni yo agize amasezerano yose y'inguzanyo ahuza umukiriya na Banki.
Ibyerekeranye no Kwemera aya Mategeko n'Amabwiriza Umukiriya asobanukiwe kandi yemeye ko yashyize umukono ku ifishi yo gusaba inguzanyo nk'uburyo bwo kwemera ayo Mategeko n'Amabwiriza yavuzwe hejuru.
Banki igira Umukiriya inama yo kugisha inama umuntu wihariye ku byerekeranye n'ingingo zikubiye muri iyi baruwa no ku ngingo zijyanye n'ingwate zizatangwa mu rwego rw'iyi baruwa kugirango abashe gusobanukirwa ibikubiye muri aya mategeko n'amabwiriza agenga inguzanyo kimwe n'ingaruka zishobora kuvuka n'icyo biba bisobanuye ku mukiriya iyo yemeye aya Mategeko n'Amabwiriza.

**NOMERO Y'AMASEZERANO Y'UMWIMERERE** ...................................................................IGITABO ..........................................................................

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri ...............ukwezi kwa .......... umunsi wa .................,Twemeje ko amasezerano, afite ingingo zasobanuwe hejuru twayashyikirijwe na:

1. ..........................................................................................................................................................................
2. BPR Bank Rwanda Plc

Hari ....................................................................... na ..............................................................................; bakaba ari abahamya b'aya masezerano kandi bakaba bujuje ibisabwa n'amategeko.

Nyuma yo gusomera abagiranye amasezerano n'abahamya ibikubiye muri aya masezerano, abagiranye amasezerano batangaje imbere yacu n'imbere y'abahamya bavuzwe hejuru ko amasezerano nk'uko yanditse agaragaza ubushake bwa bo.

Kubera iyo mpamvu, aya masezerano ashyizweho umukono n'Abayagiranye hamwe na twe amaze gusuzumwa umwimerere wayo kandi ashyizweho kashe ya noteri.

**ABAGIRANYE AMASEZERANO**

| | |
|---|---|
| UGUZA /UMUKIRIYA | Uguriza/BPR Bank Rwanda Plc |
| ............................................................................ | ......................................................................................... |
| UMUHAMYA | NOTERI |
| ............................................................................ | ......................................................................................... |

**UBURENGANZIRA BUKOMOKA KURI IKI GIKORWA**

Amafaranga ya serivisi: Amafaranga ................................................................................. yanditswe na twe ................................................

Noteri w'Umunyarwanda ubarizwa kandi utuye ................, kuri nomero .......... IGITABO CYA ..........; igiciro cy'iyi serivisi kikaba ari amafaranga y'u Rwanda ................ nk'uko agaragara ku Nyemezabwishyu N° ........................ yo kuwa .... yatanzwe na noteri.

Noteri ..........................................................................................................................................................................

**Amafaranga yo gushyira umukono ku Masezerano:**

Amafaranga yo gushyira umukono kuri iyi nyandiko ni amafaranga y'u Rwanda .......................... nk'uko agaragara kuri iyi nyemezabwishyu.

Noteri ..........................................................................................................................................................................